Uburenganzira bw'Ababyeyi

Nk'umubyeyi w'umwana ufite ubumuga, ufite uburenganzira kuri ibi:

1. Kujya mu nama z'agatsiko kita kuri gahunda y'uburezi bw'umwihariko w'umwana wawe (IEP) no guhagararira inyungu z'umwana wawe;

2. Kugira umuvugizi cyangwa se umuntu kabuhariwe uhari mu nama ya gahunda y'uburezi bw'umwihariko (IEP);

3. Kuronka ikopi yerekana uburyo umwana ameze mu misuzumirire, kutemera ibikubiyemo no kuba washobora gusaba irindi suzuma ryigenga ku ndishyi zitangwa na rubanda;

4. Gutanga raporo yanditse ivuye hanze ibi bikaba ari ibikubiye mu bikorwa kw'isuzuma;

5. Gusuzuma ibimenyetso byose by'uburezi birebana n'umwana wawe kandi ugahabawa kopi ya gahunda y'uburezi bw'umwihariko w'umwana wawe;

6. Kutemera umwanzuro wafashwe na ekipe ku bijyanye na gahunda y'uburezi bw'umwihariko (IEP) kandi ugakurikiza amategeko agenga gutanga ibirego, birimo:gutanga ikirego ku ishami rishinzwe amashuri abanza n'ayisumbuye (Department of Elementary and Secondary Education), kubonana n'abumvikanisha n'abahuza baba bararishywe na state, kugira ugucirwa urubanza utabogamye, kujurira hakurikijwe ibisaba ku myanzuro y'urukiko;

7. Kwitabira kuba mu isuzuma rya gahunda y'uburezi bw'umwihariko (IEPs) no mu isuzuma ry'umwanzuro wose mu guhindura imiterere iyo ari yo yose ya IEP, kimwe ndetse no kubona integuza yanditswe y'ibyafashwe gukorwa mbere yuko habaho uguhinduka mu gushyirwa mu ishuri mu burezi bw'umwana wawe cyangwa mu guhabwa uburezi ku busa kandi bukwiye mu mashuri ya rubanda;

8. Gushyira umwana wawe ahantu hadafite amategeko abuza cyane cyangwa mu mashuri y'uburezi rusange mu buryo bwiza bushobotse;

9. Gusaba ibikenewe mu bijyanye n'imitumanireho y'indimi cyane cyane niba ufite imbogamizi mu kuvuga Icyongereza;

10. Uburezi bw'ubuntu bw'abaturagihugu ku mwana wawe muri gahunda y'uburezi bw'umwihariko bwakorewe gufasha ibikenewe n'umwana wawe, bishobora kuba bigizwe n'ibi ariko bitavuze kugarukira kuri ibyo nyine: uburezi bw'umwihariko n'imirimo ijyana nabwo nk'urugero ibyuma bya techonology na serivisi, imitwarirwe ku modoka, serivisi zijyanye no kuvuga, kumva, ugusemurirwa, ibitekerezo byo mu mutwe birimo gutabarwa mu myitwarire ya muntu, gukorerwa therapy yo ku mubiri, occupational therapy, imikino, birimo imikino ikorwa nkaho ari therapy, servisi zo kugirwa inama, kongera gutuzwa, serivisi yo gushyirwa no kwimurwa, serivisi y'ubuzima mu ishuri, umuganga wo ku ishuri, serivisi z'abakangurambaga, kugirwa inama kw'ababyeyi n'amahugurwa, na serivisi z'ubuganga muri gahunda yo gusuzuma.

Ishami ry'amashuri Abanza n'Ayisumbuye (The Department of Elementary and Secondary Education) ntirivangura hakurikijwe ubwoko, ibara, kavukire y'umuntu, igitsina, ubumuga, cyangwa se imyaka, muri gahunda zayo n'imirimo yayo. Ibibazo birebana na gahunda z'Ishami n'aho servisi z'Ishami zihererye, ibikorwa, ndetse n'ibiro byagerwaho kandi byakoreshwa n'abantu bafite ubumuga bishobora gushyikirizwa kuri Jefferson State Office Building, Civil Rights Compliance (Title VI/Title IX/504/ADA/Age Act), 5th Floor, 205 Jefferson Street, Jefferson City, Missouri 65102-0480; nimero za telefoni 573-526-4757 cyangwa Relay Missouri (800) 735-2966.

Iyi nyandiko ntitanga uburenganzira na mba cyangwa uburenganzira busumbye ubw'itegeko ry'ubutegetsi federal cyangwa bwa state kandi igamije kubwo gutanga amakuru gusa. Ku bindi byakenerwa, baza ishami ry'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye Department of Elementary and Secondary Education, Igice cya Special Education kuri (573) 751-0699 cyangwa webreplyspeco@dese.mo.gov.

Taliki ya 1 Mutarama, 2010